



National Bank of Rwanda Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: [@CentralBankRw](https://twitter.com/CentralBankRw)

The Governor

ITANGAZO

Hakurikijwe ingingo ya, 59, 60, 61, 65 n'ya 66 z' itegeko No 072/2021 ryo kuwa 05/ 11/2021 rigenga ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa;

Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yafashe icyemezo cyo gucunga mu buryo bwihariye AXON TUNGA MICROFINANCE Plc, uhereye kuwa **01 Werurwe 2023**.

BNR iramenyesha abantu bose cyane cyane abakiriya ba AXON TUNGA MICROFINANCE Plc ko ifashe inshingano zo gucunga imikorere ya AXON TUNGA MICROFINANCE Plc, mu rwego rwo kurengera ababikijemo amafaranga, n'abandi bafatanyabikorwa bayo. Kubera iyo mpamvu hashyizweho umucungamutungo wihariye, uzakora izo nshingano zirimo no gukurikirana imirimo ya buri muni ya AXON TUNGA MICROFINANCE Plc.

BNR irabamenyesha ko AXON TUNGA MICROFINANCE Plc izakomeza imirimo yayo kandi abakiliya ba AXON TUNGA MICROFINANCE Plc bazakomeza kubona Serivisi nk'uko bisanzwe. Banki Nkuru y'u Rwanda irizeza abakiliya ndetse n'abandi bafatanyabikorwa ba AXON TUNGA MICROFINANCE Plc ko izakomeza kwita ku nyungu zabo kandi ko bazamenyeshwa impinduka izo arizo zose zishobora kubaho muri icyo gihe.

Uwakenera andi makuru yakwandikira Banki Nkuru y'u Rwanda anyuze ku rubuga rwa Interineti rwa BNR (website).

Bikorewe i Kigali, kuwa 27 Gashyantare 2023



**RWANGOMBWA John
Guverineri**